# 224: Wasiz' ubwiza war'ufite mw ijuru

1.
Wasiz' ubwiza war'ufite mw ijuru, Ubwo wazaga mw isi, Yesu;
No mw ivuka ryawe nta hantu hariho Hagutunganiye, Mwami.

Ref:
Ngwin' uze mu mutima wanjye, Umbemo, ndabikwemereye. Ngwin' utahe mu mutima wanjye, Wiboneremw aho kuba.

2.
Mbes' abamalayika ntibagushingije, Ubwo wimikwaga, Krisito ?
Ariko, Mwami, wicishije bugufi, Utuvukir'utyo mw isi !

3.
Dor' inyoni yos' igir' aho yarika, Na y' ingunzu ntibur' intaho.
Ariko Wowe, Mwami Yesu, wabuze Ah' urambik' umusaya.

4.
Waj' uzany' Ijambo rizima, Krisito, Ryo kubatur' abantu bawe.
Bakwitura kwang'urukundo rwaw'ubwo, Bakumanika ku giti.

Ref:
Ngwin' ube mu mutima wanjye : Nizigiy' urwo rupfu rwawe Ngwin' utahe mu mutima wanjye : Nizigiy' Umusaraba

5.
Abari mw ijuru bazagusingiza, N' uza kwima ya ngoma yawe.
Nzumv' umbwir' uti: Mfit'aho nkugeneye, Ngwino, wimane nanjy' ubu !

Ref:

Bizanezeza cyane, Yesu, Ubwo nzumv' ijwi ryawe ryiza ! Bizanezeza cyane,
Mukiza; Nzagusingiza, ntahwema!

Visit us at indirimbo.com